KAYIRANGA François
B.P. 30 RUBENGERA
KIBUYE

Rubengera, le 25/02/1985

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
K I G A L I

Impamvu: Umwandiko w'irushanwa.

Bwana Minisitiri,

Nejerejwe no kubagezaho umwandiko w'irushanwa ly'Umwaka w'Urubyiruko.

Maze kumva itangazo lyerekeranye n'irushanwa ly'Umwaka w'Urubyiruko ku isi yose, byarenejereje nanjye, umwe muli urwo rubyiruko mpita ndyitabira nandika umwandiko "WOWE UHANZWE AMASO" ngo ujye mu rugaga rw'iyo nyandiko. Uwo mwandiko ni umuvugo wigisha, ugira inama urubyiruko rw'Igihugu cyacu; nanjye mfite makumyabili n'itatu (23) nkaba nanditse mu ijwi lya bagenzi banjye.

Bwana Minisitiri, ntegereje imikosorere n'imijonjorere y'uwo mwandiko; mbashimiye igikorwa cyiza mwateganije.

KAYIRANGA François.

(sé)

"WOWE UHANZWE AMASO "

Umwandiko "WOWE UHANZWE AMASO" ni umwandiko wateguwe mu gihe cy'umwaka w'urubyiruko ku isi yose.
Wanditswe na KAYIRANGA François yigisha mu mashuli abanza "Kureba bitera kubona" urubyiruko rwitaweho ku isi yose aliko kenshi na kenshi ugasanga ntacyo rwo ubwarwo rwigereraho, rudafite abarutera inkunga, abarugira inama ndetse n'abarufasha rwakwimalira.

Iyo havuzwe "urubyiruko" usanga alirwo mbaga nyamwinshi kandi alirwo mizero yaho bukera.
Muli iyi nyandiko, haravugwamo urubyiruko muli rusange, urufite amashuli, urutarageze mu mashuli, urwarangije amashuli yarwo ndetse n'urubyiruko uru rw'inyandagazi rutunzwe n'umunezero wa buli gihe tutibagiwe ko iyo tuvuze urubyiruko, ibitsina byombi biba bivuzwe.
Muli kamera y'uyu mwandiko, ntabwo ali umukino, ntabwo ali igitekerezo, si n'ikinamico ahubwo uteye nk'umuvugo ukubiyemo bimwe mubyo urubyiruko rwageraho n'uruhare rwarwo mu majyambere y'Igihugu.
Ibyanditswemo ni bimwe mu bitsinda ubunebwe, bishaka kugera ku majyambere. Uyu mwandiko si uw'irushanwa gusa, ahubwo ni n'umuyobozi w'urubyiruko Izina lyawo, ibyanditsemo, byose birumvikana, ikinyarwanda cyawo kiraciliritse, kugirango umunyarwanda wese abashe kumva ibyanditswe n'umuti yabifatira.

Basomyi rero, mutere inkunga urubyiruko mu nama nziza zigeza ku majyambere musanga mu mwandiko.

"Mugire amajyambere ashingiye ku rubyiruko".

# " WOWE UHANZWE AMASO "

Muli iki gihe RUBYIRUKO ni wowe uhanzwe amaso n'imbaga nyamwinshi, abakuze bategereje uko useruka; uko uzifata kurugamba amasekuru yaguteganyilije, serukana isheja ishema ulicyure kuko wendera ku byinshi wateganyilijwe.

Amajyambere ali hose; ibyinshi uvuga ko byagezweho, aliko abagukulikiye ntibaguhisha ko ibyo bagezeho haba mu buhinzi, ubworozi,ubugenge, indimi, ubumenyi bw'isi, ibidukikije, ubumenyi buhanitse mu kubara,... ibyo byose n'intango, intango yarabonetse, shaka ko abo uzasiga bazageza intango yateruwe ku musozo.
Musore, nkumi, mwana nawe umaze igihe gito igi litewe, ibuka ko ali wowe wiswe RUBYIRUKO! Imisozi,uturere, ibihugu, ndetse isi yose uziko ihora itegereje icyo wayikoraho cyiza!

Byikwiyereka ngo ubikomere! Byiguha ubulyo ngo ubwiteshe!
Yewe, jye si yose ndaguhamagara ukampunga;
Nkagusekera ukandakalira;
Ndaguhobera ukanyigizayo, ndagukunda, aliko
Naguha impano y'urukundo ukanga kuyakira.

Ese rubyiruko nkwingingire ibyiza nguha?
So namuhaye ibyiza byinshi!
Namuhaye ibyatsi amenya ko bivamo ikiraro;
Namuhaye igiti amenya ibyinshi gikora;
Reba iruhande rwawe urebe ibyo wishimiye;
Bikwijihije, byatuma uvuga ko aho uli ali heza,
Urasanga ali igiti!

Nyoko uwo ureba, namuhaye ubusuna abohamo inyegamo;
So namweretse igitaka akoresheje ubushobozi bwe ambonamo ubutare,
Bakomeje bambyazamo amagurudumu,
None yatangiye kunkuramo amamodokali, indege,
Ibyogajuru n'ibindi byinshi!

Rubyiruko nkwipakireho, nkwihe unyange!
Mpobera urore ibyiza binkikije, intango warayibonye,
Ibisigaye byose ndabiguhaye!
Ndabiguha ukabyemera mu magambo,
Ndatega ko ubyakira, ibikorwa bikabura,
Simpa udashakisha,
Ntuzi ko agato gatanga byinshi!

.../...

Sintanga amafaranga gusa,
Ntanga ibintu n'ibyiza byinshi!
Ndi ubutaka,
Ntawundusha ubukungu!
Ndi icyuma,
Inyungu nkazigaragaza!
Ndi igiti,
Ibyiza byose nkabyiyerekanaho,
Ukandeba guhumbya bikagora,
Ukagoragoza unyitegereza!
Ndi urumuli,
Abenshi baranzi bakankunda,
Abakeneye inkunga nkayibatera!
Ntabamulikiye ntacyo bageraho!
Ndi amahoro,
Abamfite bazi ibyiza byanjye,
Abatamfite bakanyifuza!
Ndi Ubumwe,
Bose bahora banyifuza!
Ndetse ndi Amajyambere,
Umunebwe ntambona,
Umwirasi ndamwiyima,
Ulyana n'abandi nkamuhunga,
Ukunda imiraya ndakendera,
Ukora ndamwiha,
Untoza abandi turashyikirana,
Inyungu nzitanga zose,
Mu Burayi ndiyerekana ,
Muli Amerika natanze iminani,
Ahandi baranshaka,
Nabiha bakamfata nabi,
Njye nanga ingeso mbi zose,
Ubwironde bwa bamwe,
Ubwikunde budakunda abandi,
Nkunda ubufatanye,
Ubu bujya inama na bose,
Ukareba ikikuzamura n'abawe,
Kidashaka inyungu za wenyine,
Kuko nkugiliye inama,
Unshaka amfatisha yombi,
Areka bose bakankozaho imitwe y'intoki,
Ndakwibwiye, RUBYIRUKO,
Rubyiruko, jye majyambere ushaka!
Nyegera ngukure ku kimwaro ufite,
Ubwoba utewe no kutarangiza ibyo ababyeyi bagusigiye!

Wikwishinga ibyo "Ntegazivamo" akora,
Ahubwo byunganire ubiteze imbere.
Windeka ngo umuvo umpitane,
Nshyigikira, ntangira, mpobera unshyire mu gituza,
Urebe ibyiza kuko ibyo ushimira mu ntango ntacyo bikugezaho!
Rubyiruko! Yooo..... mbega ubunebwe,
Ingeso mbi ni wowe zishiliyeho!
Mbega irali, ubwirasi! uwo mwanya utijwe,
Gerageza uwukureshe uko ukwiye,
Wikwigira naguye igifu,
Wikwifuza amagorofa afite bene yo,
Ayarenze urayateganyilijwe,
Abayafite bali nkawe,
Izibika zali amagi!
Rubyiruko nezererwa cyane,
Imbere yawe byose ni ibyawe,
Ntawundi uzabikoresha kuko ali wowe,
Wowe bose bahanze amaso.
Rubyiruko ulibukwa,
Wikwifata mapfubyi,
Amaboko abili ufite, uhereye ku mutwe wawe,
Reba hirya urebe hino,
Imbere yawe nturebe inyuma,
Reba ibyo byiza ugeraho!
Rubyiruko! Rubyiruko, byose ni ibyawe,
Reba ikili cyiza, urebe ikili kibi!
Rubyiruko, ulibutswe kandi uzahora wibukwa,
Watoranyilijwe umwaka,
Ku isi yose baragusingiza,
Barashaka ibyiza wageraho,
Ibiguhishiwe ukabigeraho!
1985 waraguhaliwe, amahanga yose arakulirimba ,
Amarushanwa yaraguteganyilijwe,
Ubaka wisenya, vumbura, werekane,
Erekana ko utali ikijibwe, utali ikirumbo,
Bateganyiliza kitagira icyo kigereraho!
U Rwanda ruguhanze amaso,
Isi yose yaragutegereje,
Waratekerejwe urazigamirwa,
Barakuzilikanye erekana nawe ibyawe!
Rubyiruko kubo muli kumwe,
Uwawe n'inshuti yawe,

.../...

Ntagushime utamweretse,
Umwete n'ubutwali,
Ugushaka kwawe n'ubuhanga bwawe,
Ibyo ushoboye byose,
Utsinze ubunyanda n'ubunebwe,
Ukoresha amaboko yawe bwite,
Ibyiza ushobora kugeraho.
Rubyiruko, wowe utsinze ubunebwe,
Soko y'ibidindiza amajyambere
Utsinze ubuzererezi,
Buranga urubyiruko rwinshi,
Erekana werekane ibyiza byawe,
Bivuye mu bushakashatsi bwawe!
Rubyiruko baguhanze amaso,
Barakwitegereza n'ibikorwa byawe,
Uracyafite ingufu,
Umudiho wo mu matako;
Erekana byinshi byiza,
Urashyigikiwe ku isi yose,
Wowe mwana w'i Rwanda,
Ubwirwa mu rulimi rwawe bwite ,
Uragirwa inama,
Icyaguteza imbere uracyerekwa,
Utera uburezi ngo arabwibanza,
Ngo uhagalikiwe n'ingwe aravoma,
Uw'igihumbi magana icyenda
Mirongo inani na gatanu byongerwaho ,
Ubaye uwawe waraguhaliwe!
Wikwivana amata mu kanwa,
Kugemura uzi icyo alicyo,
Umwaka urawuhaliwe,
Isi yose iwuguhaliye nta nkomyi,
Ntiwasabilije bahise bakwibuka,
Erekana ibyiza byose nawe ubwawe,
Ushaka icyazamura byose,
Wowe wize zamura utazi gusoma,
Rubyiruko ufashe inzererezi,
Ibitekerezo byanyu mubikomatanyilize hamwe,
Wowe wiga ungura abandiinama,
Ubaze bagenzi bawe icyo bakora.
Rubyiruko, wowe ukomeje guhangwa amaso,
Si uwo witiliwe bakureba,
Baguteze buli gihe,
Uteza urwakubyaye imbere!
Ibibazo ni byose erekana imiti yabyo,

Inzira zose zihulize hamwe,
Amajyambere yubaka niyo duhanze amaso,
Urwakubyaye ruzazamurwa n'abarwo!
Rubyiruko wowe wahanzwe amaso,
Umenyereye ubunebwe urasenya,
Wakubatse ko ntawe ushaka itongo!
Ntawusenya urwo atubatse,
Urugo rwasenyutse rurasanwa,
Imbaraga zaba nkeya ukaka inkunga,
Ntawutegereza iby'ahandi,
Abanza kugerageza ubwe bwite,
Yakwerekana aho ageze akaka umuganda!
Rubyiruko, ngutereze ubwega?
Ibyaguteganilijwe ni byinshi,
Imyaka yose barakuzilikanye,
Warateganyilijwe none wiyicaliye ku ibuye,
Aho ku muhanda wilirwa,
Ureba ibyiza by'iyi si,
Uko bigenda bizenguruka urujya n'uruza,
Icyo ugamije ni ukureba,
Ureba abeza babayeho neza,
Abanejerejwe n'ibyiza bifitiye,
Rubyiruko, uzindukiye mu mujyi,
Uratekereza ko ibyiza bisagulirwa abakene,
Abahaba bose ngo bavutse amatara yaka!
Rubyiruko, wowe ugannye aho utudukuli tuli,
Aho abantu benshi bateranira,
Urabona abanini, abato, abagufi, abarebare,...
Rubyiruko ngo butinze gucya ngouboneze,
Wibonereze iy'umujyi aho basiza,
Bagasiza bakagera ku mihanda y'umukara!
Rubyiruko ntukozwa isuka,
Ubona ibyo wilirimwa ukaralira,
Ejo, ejobundi buzacya,
Ese uko ibihe bihora bisimburana!
Rubyiruko ngo ntiburacya,
Ubushyhe mu kilingiti buliyongera,
Ukarushaho kugundira ikirago!
Rubyiruko, wowe utazicara ahubatse Perefegitura,
Ngo uzicara iy'imijyi minini ili,
Nawe ubuze ubulyo bwo kuhagera,
Ngo uzaboneza iya perefegitura,
Wowe sinziruhutsa ntalicara mu isoko,
Sinzilirwa aho ntareba imifuniko ya manyinya,
Imifuniko y'imitobe n'urwagwa yibaraza ku isima!

.../...

Sinzilirwa aho ntareba abakobwa batamuye inzobe,
Abahungu bambaye za congo,
Za muhambilizi amapantaro agaragaza urubindo,
Amanuka ameze nk'umuhunda,
Ahambira ikibero,
Ukagirango ni ibishyimbo byeze,
Nangwa nabyo bigira akamaro,
Ibyo byo ni ibihindura umuco,
Bikagutera kuralikira indindi z'amajyambere!
Rubyiruko! Rubyiruko! Rubyiruko!

Wacisha make, ugatuza ugashaka,
Ugushaka kwiza ko ali ugushaka,
Icyateza uwawe imbere utiyibagiwe,
Ugashaka inyungu zawe n'inz'uwawe!

Itegereze! za Koperative zirashingwa,
Hilya hino, bose barashaka,
Ikibatunga wowe ushaka ikibasenyera?

Rubyiruko nkubwire bwire bucye,
Iminsi ko abenshi bayigera amajanja,
Wowe isi isigiwe uzabigenza ute?
Uzabigenza ute ko udateganyiliza iminsi?
Abo mwiliranwa aho mwiyicaliye,
Inganda, urusimbi, kubeshya, irali,
Ubulyalya, ubwirasi, imirwano...
Ko alibyo ubanza imbere ntutekereze,
Icyo ejo n'ejo bundi bizakugezaho!
Urabikorana na bagenzi bawe,
Umukuru arakajya,
Ukugira inama arakajya,
Ukugira inama uramubuze,
Ese, ubwo bizageza he?
Abasore icumi, cumi na batanu mwilirwana,
Habuze uwarusha abandi ibitekerezo?
Koko ngo "amatwi alimo urupfu ntiyumva!"
Kare, kare, nkikubaza ibi,
Egera izi ngimbi, abo basore mwilirwana,
Babaze, ubabaze icyo mugiye gukora,
Murebe inyungu, ntibiteza imbere birasenya!
Urabyiboneye, mufate umugambi w'icyo mwageraho.

Jye rubyiruko sinakora nkamwe,
Nkwereke uko nabigenza,
Bigakomeza intango abakuru batangiye,
Intango izageza,
Wowe, abawe n'abandi bose ku majyambere.
Ngaho se, mvuge ukora,
Kora ibyo nkubwira bikuzamura!
Amasambu yabaye ntayo kandi aliho,
Aliho, yabuze abayakoreramo,
Ibikorwa byaba byinshi,
Birubaka ntibisenya,
"Mvugukora" abe urugero rwawe!

Rubyiruko aho kwiyicalira ahameze neza,
Sijye wahagize neza, habigizwe n'ababanje.
Amaboko ni abili, amaguru abili n'ibisigaye,
Ibice byose by'umubili bifite akamaro,
Ndetse byose ni magilirane.
Isunge rero Koperative zashinzwe ali nyinshi,
Ubwo buhinzi bw'iimboga baguteze imbere,
Ukoreshe amaboko yawe afite ingufu,
Ingufu upfusha ubusa wilirwa ukoresha akanwa,
Uteranya abantu ushaka icyagutunga.
Rubyiruko, Koperative y'ababumbyi iliho,
Yegere ukate icyondo ukuremo amafranga,
Azaguha icyo ukeneye byose.
Wivuga ngo ntiwakwisiga icyondo,
Urusimbi rwuzuza umukungugu mu kimero,
Wikwiganyiliza icyo ukeneye,
Gukoresha amaboko birakwiye!

Yewe rubyiruko, gukora amazi,
Amazi amara icyondo ku mubili,
Uwo mugati ushaka ko baguterera ku kabali,
Ufite amaboko yawe yo kuwugeraho,
Unezerewe ufite agaciro mu maso y'abandi.
Iteganyilize, uzagera kuli byinshi,
Ubulyo bwo kwihahira uzabubona,
Ubuto bukiligita nta biganza!

.../...

Rubyiruko ntuzi ko ubworozi
Buteza umuntu imbere,
Utabashije inka, urukwavu ruramurushya?
Inkoko zilirwa zitoragura, zahabwa,
Zigatanga amagi menshi n'imbonekalimwe,
Zimwe batekesha "isafuliya!"
Ese ko wiyibagiza ubukolikoli,
Amashuli menshi siyo abukora,
Inyoni, inka, isekuru, ibyansi,
Abadusura bigera babisiga inyuma?
Yewe "Rubyiruko", ko wabonye ibiseke,
Inyegamo, ibitambaro bifumye, imitako,
Amabara atatse byinshi,
Wasanze ali bangahe babisiga inyuma?
Uwifite akeneye byinshi,
Mu maboko yawe halimo gukora,
Ugakora byinshi byiza,
Uvuye no mu mahanga akagira icyo asubizayo!

Koko rero ufite arabona,
Uwihaye abandi baramwongerera,
Uwifite ashinga uruganda,
Ufite duke aboneraho byinshi,
Bimugwa neza abashije kubikoresha!
Shaka, kora byose, wisigaza bimwe inyuma!
Umucuzi acura umuhoro bose bakamushima,
Umubumbyi abumba idongo iruta ivuye iburayi,
Umunyabukolikoli abaza inyoni,
Ikaruta iguruka mu kirere,
Inzu yo mu bikenyeli yerekana izo bazubaka,
Ukora mu muhogo indilimbo ikaba nziza,
Ikanogera amatwi bose bakayitamba,
Ukoresha iningili, umuduli n'ikembe,
Bose bati umucuranzi arakomeye!

Rubyiruko rwanda rw'ejo
Wikwishyira muli ba "Nyamuryakanoze",
Yego na keke ziralibwa,
Aliko zigusenyera utarayihagalika,
Abagukuliye baliye rukacarara,
Bayikojeje mu mazi ntibyababuza gukora,
Fata inyabutongo, dodo n'isogi,
Renzaho ibijumba, ibirayi,...

.../...

Ese rubyiruko reba uko ureshya,
Wikulikiza ko waba usongoye,
Ko waba waragorowe kurusha abandi,
Reba umufuka wawe!
Gukora bitera kubona, kandi si ukuvuguruza,
Mvuguruza abakura mbere bavuga ngo ni ukugenda,
Genda ufite icyo ugamije,
Kikuzamura kitaretse uwawe!
Ngo uzajye i Kigali,
Kurara butunda niba ubishaka,
Ikamiro niba ubona ikubereye,
Guhamagara no kugeza abantu,
Mu modoka mu itegero lyaho,
Bazi neza aho bagana,
Iyo babengutswe bayiboneye,
Ntibizakuzamura bizagusenyera!
Kwilirwa uhunga ingabo z'amahoro,
uzishisha nabo ali abantu,
Uzishisha ziremye nkawe,
Usimbuka ibisimu wali utuje,
Ukandagira inyanya z'abandi,
Ukabura n'icyo uziliha!
Rubyiruko wikwitera imibabaro,
Wibuza abandi amahoro bayafite ,
Wikwilirwa ushakisha amabuye,
Aya manini asenya amagorofa,
Ngo ni za"gatarina" kandi ulyitilira,
"Gatalina" mushiki wawe,
Uyu ukunda utakwifashisha mu bibi,
Bisenya utibagiwe gucura intumbi,
Ibuka ko bali bagusenye impanga,
Utazi uli imbere icyo yiteguye,
Nta mugabo utagira ikimuralira,
Ufite intwaro amenya kuyikiresha!
Rubyiruko, rubyiruko, birababaje,
Wifata iyi migambi isenya,
Iraza abantu ku nkeke,
Kwiba ntibizamura birasenya,
Koresha amaboko yawe,
Wikwishimira uburoko uzagwamo!
Shaka icyaguteza imbere udasebye,
Kandi ayo majoro ugenda,
Ubwo waba utinya imibabaro,
Ndetse imiruho waba wikulikirira.

.../...

Rubyiruko ntitinya ndabyumva,
Imibabare ntacye igutwaye,
Ngaho fata igikwasi utebore ijisho!
Wibitinya kandi ngo ube kiraramajoro!
Rubyiruko, wowe uhanzwe amaso,
Mizero y'ibyiza byose,
Wiba mpemuke ndamuke,
Wikwigira mwiza w'amanywa,
Wiba ruteruzi rw'ijoro!
Wikwitaka ibyiza kandi uli muto,
Wivugisha abandi uli rushenyi,
Begere,ubatekerereze bakugire inama!
Wireba amamodoka y'abandi ngo uyifuze,
Kwifuza kubi ni ukwifuza icyo utageraho ,
Ifuze icyo ushaka unyuze inzira nyazo.

Nkunda urubyiruko na rubyiruko,
Rubyiruko ni wowe musore nawe nkumi,
Mugabo na mutegarugoli muliho,
Murakora murashoboye, ndetse murashaka!
Uko gushakashaka kwanyu,
Uko niko kuzamura igihugu!
Igihugu cyazamuka gite?
Si ukugiterura ngo kijye ejuru,
Muzayageraho mute,
Mwese mutibumbiye hamwe,
Ngo muzamuke mujye ejuru?
Bibaye ikibazo mwakibaza,
Ikibazo kigira igisubizo,
Uwishatseho yibonaho,
Mufatane urunana mutere imbere,
Mwungurane ibitekerezo!
Ibibazo biba byinshi bikabonerwa umuti,
Imyaka irabatizwa intego ikagerwaho,
Iyo urubyiruko rwibutswe,
Ntirwigunga ngo rurajugunywe,
Abiyita abajene (jeunes) muhanzwe amaso,
Uruhinja rurategerejwe,
Igisekeramwanzi barashaka icyo kigeraho,
Gitambambuga ni wowe ubwirwa,
Wowe ukulikira inyana uhanzwe amaso,
Bana, ngimbi nawe mwangavu,
Musore nawe nkumi,
Abashakanye mwe Rwanda ruliho,

.../...

Mwe mutegereje kuli iyi si,
Mwese ibikorwa byanyu bihanzwe amaso,
Ntawiyibagiza muli mwese,
Ntawiyibagiza ngo atereranwe,
Isi yose ibahanze amaso !
Rubyiruko wowe mwali mwiza,
Ukibuka kuboha umusambi,
Ugatera icyibo amabara,
Wowe wibuka gusenga inkangara,
Wowe wibuka uko bakubura umuharuro,
Wowe utirengagiżaaguca ubusuna,
Inyegamo nziza ukayitaka mu nzu,
Ndetse zigaheza mu mbere,
Urashimwa igihe cyose
Wikwiyibagiza kubitoza inshuti zawe,
Wireba bagenzi bawe bilirwa bashaka,
Ubwiza ngo bubonerwa mu mazi,
Ikibero bagikubye imbere y'insoresore,
Ugushaka kukaba kumwe,
Guhora bahanze amaso abasore,
Nabo bagira irali cyamgwa amerwe!
Wishakashaka ubwiza bwo gukinisha,
Ukinisha amagara ukananirwa kuyasama,
Uwabaye "Kabwera" yifuza kubikira,
Ubikize amererwa neza agatekereza,
Ntagihora gishyushye,
Ubushyhe buherera mu bukonje,
Ufite ubusugi ahora abyishimiye,
Bigatuma imikorere ye y'igihe cyose,
Ikigamijwe ali igiteza imbere!
Kuruha uli umwe bigira akamaro,
Aliko kuruha uhetse,
Bikura uruhu ku nnyo!
Rubyiruko, wowe Rwanda rw'ejo,
Amajyambere ava mu mikoro,
Wikwifuza tsinda n'ahandi,
Uhanzwe ijisho hose,
Uranga kuba umwali bakujyane,
Imiruho hose ni yose,
Gerageza zirakwasamiye,
Kukumira biroroshye,
Kukuruka biragoye!
Reba ikili cyiza, urebe ikibi!

.../...

Rubyiruko, wowe wambaye ikirezi,
Kumenya ubwere bwacyo biragoye,
Ngo "Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera!"
Wowe wicajwe kuzo abandi badafite,
Izo abakurambere baticayeho,
Mwalimu abaha inyigisho ikwiye,
Umwijima uhinduke ugushakashaka,
Ubumenyi bukaba "Soko y'amajyambere",
Rubyiruko, amatwi alimo urupfu ntiyumva!
So agutera inkunga wowe ugahenura?
Kutamenya gusoma ni ubujiji,
Ubaye injiji ageraho akitwa ikigolyi,
Ko ubyiswe ukili muto,
Ayo niyo majyambere uharanira?
Ushaka kwizamura usize uroshye abandi?
Ubwo bwato butwaye bose,
Kuki wabuhilika ukoga wenyine?
Nta byiza wahawe,
Wegamiye iyo utazi aho ikomoka,
Ngo "Ndindiliyizampa" bizaguteza imbere!
Rubyiruko, wowe wo mu ishuli,
Ubwenge burarahurwa,
Sinalinzi ikabanza, iyaba igaheruka!
Tangira ugushaka kwawe,
Icyazamura abo wasize,
Wowe ugira amahirwe,
Wowe wabonanye, ubonana na mwalimu,
Uwo murezi ufasha abamubanjilije,
Utoza imico myiza n'uburere bwiza,
Utanga intango y'ubumenyi,
Ntibirangilira ku ntebe imbere ye,
Shaka icyazamura,
Icyazamura bagenzi base,
Abo wasize mu giturage,
Bagire inama,
Bumvishe ko guteza imbere,
Uteza imbere igihugu cyakubyaye,
Atali ishyali libi,
Ili lyangiza ligasenya,
Liturutse ku bwibone bwawe,
Wumva wanze bose nta nama ubagira,
Ubereke ubulyo bwo kwirwanaho,

.../...

Bubateza imbere,
Bunganira ibyiza wagezeho,
Ibyiza uteganya kugeraho!

Rubyiruko wowe warangije ayo mashuli,
Nyuma y'akazi si ugucyuza amakwe,
Ukuzuza manyinya ameza,
Umwijuto w'ikinonko ushira imvura iguye,
Uhanzwe amaso,
Ibyagerwaho ni byinshi,
Ugatera ibiceli bisagutse inyoni,
Nta cyawe zonnye zikabukire,
Icara hamwe witonze,
Tekereza abo wasize,
Ibikorwa bagomba gukora,
Icyiza kikuzamulira limwe nabo!

Rubyiruko, urayize urayarangije,
Wikwishinga "Makangu" ntizubaka,
Wikwishinga gutunga ibyamirenge,
Winyereza ibyo ushinzwe,
Gucyura ntibigeza ku majyambere,
Umusaruro wabyo ni mburugu,
Imbuto yabyo ni "Sida"!
Rubyiruko se izo ngwabizabuzima,
Izo ugura kurusha za farumasi,
Farumasi ishinzwe kutugezaho imiti,
Ugakoresha iruta iyo itumiza!
Gabanya reba igikwiye,
Uteze igihugu imbere!
Walibutswe rubyiruko,
Irengagize ibizamura bake,
Shaka ikizamura imbaga nyamwinshi!
Rubyiruko kuzigama bitangira kare,
Bikozwe neza bizamura nyirabyo,
Wirengwa ukili muto,
Irali lyiza lirazamura,
Reka kwifuza kubika iby'abandi,
Amaso yose arakureba,
Yoboka ubwato twese tulimo,
Bukujyana ku nkombe y'amajyambere!

.../...

Rubyiruko, wowe uhanzwe amaso,
Impande zose barakureba,
Wowe wagize amahirwe ukagira amafaranga
Wikeka ko wayaguyemo,
Ko wanyereye ukayaryamamo,
Yaba ayawe cyangwa ay'abandi,
Menya ko kubaho ali ukubana,
Si ukubana n'ibitsina bimwe,
Bana na bose mu rugero,
Menya ko kubahao ali ukubana,
Akazu kagufi kagendwamo n'abatishoboye,
Reka kuyasesaguza kuyabona biragoye,
Rubyiruko wibuke abandi bose,
Reka kwirengagiza abafite bike,
Reka kwirukana abagusanga,
Urwo wicayemo urukesha RUREMA!

Ibyo wishimira bica mu myanya y'intoki,
Ejo utaba kivumwa,
Abo wirengagije bakagusiga,
Ushima mu mutwe ngo "Sinalinzi !!!
Sinalinzi iheruka ibindi byose,
Ibyo byose byali byiza,
Usanze ubutindi ubu bukura,
Bugakura n'uruhu ku nnyo!
Rubyiruko reba ibyo ufite,
Gira abandi inama,
Mushyire hamwe mukorere hamwe,
Umwe atikubira,
Amajyambere aganze iwanyu,
Ubukungu bube bwose,
ukureba aguhe impundu!

Rubyiruko, wowe watowe,
Wowe ushimwa muli iki gihe,
Mizero y'iki gihe,
Haranira amajyambere,
Wikwibagirwa amahoro n'ubumwe,
Inkingi zigeza ku majyambere!
Haranira amajyambere intambara itoroshye,
Umuheto ntabwo uyigeramo,
Umwambi ntiwilirwa urunguruka,
Urusasu ruhora ruyihejwemo!
Tsinda ubunebwe, Rubyiruko,
Wowe watojwe ak'ingabo z'igihugu,

.../...

Rubyiruko mwanditsi kora akazi kawe,
Ibitekerezo birusheho kujya imbere,
Inganzo irusheho gukanwa ,
Ikanwa ibiguteza imbere!
Soma ibinyamakuru Rubyiruko,
Hera ku by'iwanyu byose,
Ngiyo imvaho, kinyamateka, rafiki n'ibindi,
Ungamo iby'ahandi n'ishyano ryose,
Rubyiruko koranya ibitekerezo,
Ugeze kubawe ibyiza byose ,
Byerekeye amajyambere usanzemo!
Urarebwa impande zose,
Wowe rubyiruko rushinzwe imali y'abandi,
Si amafranga gusa cyangwa ibilibwa,
Akundi kose gafate neza,
Ulihawe n'abagukuliye,
Ngo uzabihe uwo uzibaruka,
Nawe abigeze ku kibondo azasiga!
Yewe Yewe rubyiruko,
Sigaho gushyira mu wawe,
Wihindura inyemezabuguzi bagashinze,
Urakeka ko uli mu nzu kandi bose bakureba!
Rubyiruko, wowe uli mu mashuli,
Subira mu masomo yawe,
Utekereze ibyiza byayo,
Ubigeze kuli bagenzi bawe batabibona!
Rubyiruko, Rubyiruko!
Uhanzwe amaso wowe wese ,
Wikeka ko wihishe,
Ukwiliwe mu mwobo barakureba,
Ibikorwa byawe birarebwa,
Witanga ikizere ngo urakora neza,
Kora ndebe iruta vuna numve,
Icyizere kiraza amasinde!
Rubyiruko wowe ugitsindwa n'ubunebwe,
Iya Gatanu Nyakanga 1975 waragushingiwe,
Niyo Muvoma iharanira amajyambere,
Ngiyo Muvoma nziza yagushyiliweho,
Mu ntego zayo habonekamo amajyambere,
Amajyambere tugeraho dutanga umuganda!
Umuganda uzamura amajyambere,
Ingufu urazifite aliko ubushake ntabwo,

.../...

Ntawuhatira undi icyiza
Icyiza kiligaragaza buli gihe!
Shaka, kunda, kora!
Rubyiruko, wowe mwali mwiza,
Amajyambere si ugusokoza neza,
Si uguseka mu muhanda, ngo bakurebe,
Si ikanzu nziza cyane!
Rubyiruko wowe mwali mwiza
Kazumbature amavuta ehenda,
Amarashi n'ikirato cyiza,
Kwicara mu ihoteli zo mumujyi,
Irali ry'utwo abandi batunze,
Izo sizo nkingi z'amajyambere!
Kora ibizamura abenshi
Impu zisigaye zifite akamaro kenshi turabaizi,
Fata ubudodo ubohe ingobyi,
Ubudodo buvamo imyanda myinshi,
Korera hamwe n'abandi birabazamura!
Musore, Rubyiruko ruhanzwe amaso,
Kwicara ku muhanda n'isegereti,
Amatiku n'urugomo,
Ubunebwe no kuba igitegwajoro,
Ubwirasi no gusebanya,
Gusambana no kwikuza,
Ibyo ni imungu y'amajyambere,
Aya duharanira twese,
Agerwaho habanje kwitanga,
Ukwitanga kw'ushaka kuyageraho,
Ntagende wenyine
Uwisunze abandi agera kuli byinshi,
Abagiye inama Imana irabasanga,
Ababili bishe umwe,
Rubyiruko wowe wahaliwe umwaka,
Isi yose yarakwibutse,
Ntawutakuzi kuko bose baguteze amaso,
Umwaka wahaliwe ni uwo kugutera inkunga,
Zilikana amajyambere bose baharanira,
Inkunga buli wese akwiye,
Ibikorwa biruta amagambo,
Amajyambere bagutezeho,
Shyira hamwe n'abandi,
Umugabo umwe agerwa kuli nyina,
Utere imbere buli gihe,
Wikeka ko bakureba muli uyu,
Utaha barakureba,

Iteka lyose uhanzwe amaso,
Wiba ikigwali abandi baratangiye,
Tsinda ubute, tsinda ubunebwe,
Tsinda kwiyerekana uko utali,
Erekana ko uli ntawukugaya,
Ukugaya aragukosora,
Reka gukorera ijisho nezererwa,
Erekana akawe Rubyiruko,
Iteka uhanzwe amaso,
Tera imbere wiba ikigwali,
Wowe uhanzwe amaso,
Byiba kugosorera mu rucaca,
Ganza, Ramba niba ushyize hamwe n'abandi

KAYIRANGA François
MABANZA - KIBUYE.-